

# Nimukanguke!

MATA 2013

A photograph of a house at dusk. The house is light-colored with a dark roof. A man and a woman are standing on a balcony, looking out. The scene is framed by a chain-link fence in the foreground. The sky is a deep blue, and the trees are dark silhouettes.

Ihohoterwa rikorerwa  
mu ngo rizacika rite?

# Nimukanguke!

IBIRIMO

JW.  
ORG

SOMA IBINDI  
kuri [www.jw.org/rw](http://www.jw.org/rw)


INGINGO YO KU GIFUBIKO



## Ihohoterwa rikorerwa mu ngo rizacika rite? IPAJI YA 8-11

- 3 HIRYA NO HINO KU ISI
- 4 INAMA ZIGENEWE UMURYANGO  
**Uko wakwirinda kubwira nabi uwo  
mwashakanye**
- 6 IKIGANIRO  
**“Nemera ko Imana ari yo yaremeye  
ibinyabuzima”**
- 12 ISI N'ABAYITUYE  
**Twasuye Indoneziya**
- 14 ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO  
**Ubuzima**
- 16 **Uko wagera ku rubuga rwacu mu buryo  
bwihuse**

## URUBYIRUKO



### IBIBAZO URUBYIRUKO RWIBAZA . . . **NAKORA IKI MU GIHE BANNYUZUYE?**

Celine w'imyaka 20 yaravuze ati “sinzigera nibagirwa amazina banyitaga n'ibintu bavugaga. Batumaga numva ko nta gaciro mfite, kandi ko nta cyo maze. Ibyo byatumaga abantu bambona uko ntari.” Iyi ngingo iboneka kuri interineti isubiza ibibazo bigira biti “kuki abana bannyuzurana? Ni ba nde bibasirwa kurusha abandi? Hagize abakunnyuzura wabyitwaramo ute?”

(Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA / URUBYIRUKO)

## ABANA



Soma inkuru ku muri Bibiliya zishushanyije. Ifashishe amapaji ariho iyo myitozo kugira ngo ufashe abana bawe kongera ubumenyi bwabo ku birebana n'abantu bavugwa muri Bibiliya, hamwe n'amahame mbwirizamuco.

(Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA / ABANA)

Vol. 94, No. 4 / Monthly / KINYARWANDA

Buri numero isohoka ari amagazeti 43.524.000 mu ndimi 98

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ukorerwa ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byavuzwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo, yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya*.

*Awake!* (ISSN 0005-237X) is published monthly by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 25 Columbia Heights, Brooklyn, NY 11201-2483, and by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi. Printed in South Africa.

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri [www.jw.org/rw](http://www.jw.org/rw) cyangwa utwandikire kuri aderesi ikurikira:

**ABAHAMYA BA YEHOVA:** RWANDA: O.R.T.J. B.P 529 KIGALI.  
Niba wifuza urutonde rwuzuye rwa za aderesi, jya kuri [www.jw.org/contact](http://www.jw.org/contact).





## LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA

Mu cyumweru cyatangiye ku ya 29 Ukwakira 2012, mu mugwi wa New York habayeho igabanuka ry'ibyaha, urugero nk'ubwicanyi, ubugizi bwa nabi bukabije n'ubujura, ugereranyije n'ibyabaye mu gihe nk'icyo cy'iminsi itanu mu mwaka wa 2011. Ibyo byatewe n'iki? Byatewe na ya nkubi y'umuyaga ikaze yiswe Sandy, yayogoye inkengero z'inyanja mu burasirazuba bwa Leta Zunze za Amerika, igatuma umuriro ubura mu duce twinshi. Paul Browne umuvugizi w'abapolisi mu mugwi wa New York, yaravuze ati "iyu habayeho ibiza cyangwa andi marorerwa [urugero nk'igitero cy'ibyihebe cyabaye ku ya 11 Nzeri 2001], ibikorwa by'ubugizi bwa nabi biragabanuka." icyakora, ibikorwa by'ubusahuzi byariyongereye kandi ibyo ntibyatangaje Browne. Yaravuze ati "ibyo biterwa n'uko uduce twinshi nta muriro tuba dufite."

## U BUHOLANDI

**Umurwayi wa mbere watewemo igufwa ry'urwasaya ryakozwe n'imashini**, ni umugore w'imyaka 83. Urwasaya rw'uwo mugore rwari rwarangijwe n'uburwayi bufata amagufwa, ariko ubu ashobora kurya, guhumeka no kuvuga neza. Imashini yakoze urwo rwasaya yagiye iterateranya uduce tw'ubwoko bw'icyuma kitaremereye bita titaniyumu, nuko baramubaga barumuteramo.



## U BUDAGE

Nyuma y'umwaka umwe gusa mu gihugu cy'u Budage hashyizweho **itegeko ribuza abantu kunywera itabi** ahantu hamwe na hamwe hahurira abantu benshi, ubushakashatsi bwagaragaje ko umubare w'abajyaga mu bitaro bitewe n'indwara ifata imyanya y'ubuhumekero wagabanutseho 13,3 ku ijana, na ho uw'abazaga kwivuza indwara z'umutima ugabanukaho 8,6 ku ijana.

## ANTARAGITIKA

Abahanga mu bya siyansi bafite impungenge z'uko **urusobe rw'ibinyabuzima biba muri Antagaritika rwugarijwe n'ibinyabuzima bitahoze muri ako gace**. Bavuga ko ugereranyije, ba mukerarugendo basura uwo mugabane bahazana buri mwaka imbuto z'ibimera batabishaka, buri wese akazana nk'imbuto 9,5. Akenshi bazizana zifashe ku nkweto cyangwa ku bikapu byabo. Hari amoko y'ibimera bitahoze muri ako gace yabonetse mu Kigobe cyo mu burengerazuba bwa Antagaritika.





# Uko wakwirinda kubwira nabi uwo mwashakanye



## AHO IKIBAZO KIRI

Buri gihe iyo wowe n’uwo mwashakanye hari icyo tumvikanyeho, mutangira kwitana ba mwana. Wowe n’uwo mwashakanye umenyerereye kubwirana nabi, ku buryo buri gihe muganira mutongana.

Niba ari uko bimeze mu rugo rwanyu, *mushobora* kubihagarika. icyakora, mugomba kubanza kumenya impamvu zibibatera n’impamvu mugomba kubireka.



## IKIBITERA

**Umuryango ukomokamo.** Abagabo n’abagore benshi bakuriye mu miryango ihoramo intonganya. Ku bw’ibyo, umwe mu bashakanye ashobora kujya avuga amagambo ameze nk’ayo yumvanaga ababyeyi be.

**Ingaruka z’imyidagaduro.** Filimi n’imikino ishekeje bihita kuri televiziyo, bituma abantu babona ko kutagaragaza iki-nyabupfura nta cyo bitwaye, bakabifata nk’urwenya cyangwa bakumva ko bishimishije.

**Umuco.** Imico imwe n’imwe yumvikanisha ko “umugabo nyawe” agomba gutwaza igitugu cyangwa ko umugore agomba kugira amahane menshi kugira ngo batamusuzugura. Iyo abashakanye bafite imyumvire nk’iyo bagize icyo batumvikanaho, babana bameze nk’abanzi aho gusenyerera umugozi umwe, bakabwirana amagambo akomeretsa, aho gukiza.

Uko impamvu zibibatera zaba ziri kose, kubwirana amagambo mabi bishobora gutuma abashakanye batana kandi bikabatera indwara. Hari n’abavuga ko aho kubabwira nabi wabakubita bikarangira. Urugero, hari umugore wari ufite umugabo umubwira nabi kandi akamukubita, wavuze ati “kwihanganira inkoni biroroshye kuruta ibitutsi. Kuri jye aho kugira ngo antuke bigeze aha, yankubita.”

Mwakora iki niba wowe n’uwo mwashakanye mubwirana amagambo mabi ashobora kubasenyera?



## ICYO MWAKORA

**Jya wishyira mu mwanya wa mugenzi wawe.** Ukwiriye kwishyira mu mwanya we, ukagerageza kwiyumvisha ukuntu amagambo umubwira amubabaza. Niba bishoboka, tekereza ku magambo uherutse kuvuga akababaza uwo mwashakanye. Ntukumve ko amagambo wamubwiye nta cyo atwaye. Ahubwo uje uzirikana uko *yayakiriye*. Ese hari amagambo arangwa n'ineza wagombye kuba wakoresheje, aho kuvuga nabi? Bibiliya igira iti “gusubizanya ineza bihosha uburakari, ariko ijambo ribabaza ribyutsa umujinya.”—Imigani 15:1.

**Mujye mwigira ku bandi.** Niba nta rugero rwiza mwahawe, mujye mushaka abababera icyitegererezo. Mwumvire inama z'abantu bashakanye *b'intangarugero* mu kubwirana amagambo meza.—*Ihame rya Bibiliya: Abafilipi 3:17*.

## Akenshi umuntu avuga nabi bitewe n'ibiri mu mutima we

**Komeza kumwishimira nk'uko byari bimeze mbere.** Akenshi umuntu avuga nabi bitewe n'ibiri mu mutima we. Ku bw'ibyo, uje utekereza ibyiza ku wo mwashakanye kandi abe ari byo umwifuriza. Mwongere mukorere hamwe ibintu byajyaga bibashimisha. Murebere hamwe amafoto yanyu ya kera. Ni iki cyabasetsaga? Ni iyihe mico yatumye mukundana?—*Ihame rya Bibiliya: Luka 6:45*.

**Jya uvuga ngo “jye” aho kuvuga ngo “wowe.”** Aho kugira ngo wibasire uwo mwashakanye, mubwire akababaro *uterwa* n'ibikorwa bye. Urugero, ushobora kuvuga uti “iyu uteganyije ibyo uzakora utabanje kumbaza, bituma numva nta gaciro mfite.” Ibyo ashobora kubyakira neza kurusha kumubwira uti “ariko wabaye ute? Kuki uhora ukora ibintu utabanje kungisha inama?”—*Ihame rya Bibiliya: Abakolosayi 4:6*.

**Jya umenya igihe cyo guceceka.** Mu gihe mutangiye kubwirana nabi mukabona bishobora kubyara intonganya, byaba byiza musubitse ikiganiro. Uwo mwashakanye natangira kukubwira nabi, uje ushakisha uko wakwigendera, hanyuma muze kubiganiraho nyuma mutuje.—*Ihame rya Bibiliya: Imigani 17:14*. ■

## IMIRONGO Y'INGENZI

“Abagabo bakwiriye gukunda abagore babo nk'imibiri yabo bwite.”—Abefeso 5:28.

“Umugore agomba kubaha cyane umugabo we.”—Abefeso 5:33.

“Gukankama no gutukana bive muri mwe.”—Abefeso 4:31.

## “GUTUKANA” BIKUBIYEMO IKI?

Bibiliya igira iti “gukankama no gutukana bive muri mwe” (Abefeso 4:31). Kuki Pawulo yashyize itandukaniro hagati yo “gukankama” no “gutukana”? Ijambo ry'ikigiriki ryahinduwemo “gukankama” (*krau-ge*) ryumvikaniye kuzamura ijwi. Naho ijambo ry'ikigiriki ryahinduwemo “gutukana” (*bla-sphe-mi'a*) ryumvikaniye ubutumwa bukubiye mu byo uvuze. Ibyo bisobanura iki? Bisobanura ko umuntu utukana, atari ko buri gihe aba asakuza. Mu by'ukuri gutukana, bikubiyemo amagambo yose asesereza cyangwa atesha umuntu agaciriro, nubwo wayavugaga utuje.



## “Nemera ko Imana ari yo yaremye ibinyabuzima”

Brett Schenck ni impuguke mu kubungabunga ibidukikije muri Amerika, akaba ari mu kiruhuko cy’iza bukuru. Yize ibijyanye n’ubwuzuzanye bw’ibimera, inyamaswa n’ibindi bidukikije. Kuki yizera ko hariho Umuremyi? Igazeti ya *Nimukanguke!* yagiranye ikiganiro na we, imubaza impamvu yizera Imana hamwe n’ubushakashatsi bwe mu bya siyansi.

### Ubundi uri muntu ki?

Data yari injenyeri mu birebana n’imashini. Yanshishikarizaga kuziga imibare na siyansi. Nkiri muto, nashishikazwaga n’ibimera n’inyamaswa nabonaga mu migezi no mu byuzi byo hafi y’iwacu mu mudugudu wa New Paris, muri leta ya Ohio muri Amerika. Ku bw’ibyo, igihe najyaga kwiga muri kaminuza ya Purdue, nize ibijyanye n’ibinyabuzima.

### None se kuva kera washishikazwaga n’iby’idini?

Yego. Data yanshishikarizaga kuziga ibirebana n’imyizerere y’idini

ryacu ry’Abaluteriyani. Nize ikigiriki cyavugwaga na rubanda (Koine), kikaba ari rumwe mu ndimi z’umwimerere Bibiliya yanditswemo. Ibyo byatumye ntangira guha Bibiliya agaciro.

### None se inyigisho y’ubwihindurize wayibonaga ute?

Idini ryanjye ryemeraga iyo nyigisho. Bagenzi banjye na bo barayemeraga. Ibyo byatumye ntayishidikanyaho na busa. Ariko kandi, nemera ko Imana iriho. Nibwiraga ko izo nyigisho zombi zuzuzanya. Nubwo nemera ga Bi-

biliya, sinumvaga ko yaturutse ku Mana.

### Ni iki cyatumye uhindura uko wabonaga Bibiliya?

Abahamya ba Yehova babiri, Steve na Sandy, baje kudasura jye n’umugore wanjye Debbie. Batweretse ko nubwo Bibiliya atari igitabo cya siyansi, ibyo ivuga ku birebana na siyansi biba ari ukuri. Urugero, ivuga ko Imana ‘ituye *hejuru y’uruziga rw’isi*’ (Yesaya 40:22). Nanone ivuga ko Imana ‘yatendetse isi *hejuru y’ubusa*’ (Yobu 26:7). Kubera ko icyo gihe nakoreshaga amafoto y’ibyo gajuru mu kwiga urusobe rw’ibinyabuzima, amagambo yo muri iyo mirongo yarantangaje cyane. Ayo magambo yanditswe kera, mbere y’uko hagira umuntu ufotora isi ngo amenye ko itendetse ku busa. Uko Steve na Sandy bagendaga batwigisha Bibiliya jye



## 'Kuba ibinyabuzima byo ku isi bifite ubushobozi bwo kongera kwisana byanyemeje ko Imana ari yo yabiremye'

n'umugore wanjye, ni ko nage-ndaga nsobanukirwa ubuhanuzi bwo muri Bibiliya kwasohoye, inama z'ingirakamaro ziyikubiyemo hamwe n'ibisobanuro byayo byumvikana. Buhoro buhoro, naje kwemera ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana.

### Ni iki cyatumye uhindura uko wumvaga inkomoko y'ubuzima?

Steve yaje kunyereka amagambo asobanutse yo muri Bibiliya, agira ati "nuko Yehova Imana arema umuntu mu mukungugu wo hasi" (Intangiriro 2:7). Bibiliya igaragaza neza uko umuntu wa mbere yabayeho. Ibyo bituma havuka ikibazo kigira kiti "ese ibyo Bibiliya ivuga bihuje na siyansi?" Steve yansabye gukora ubushakashatsi kuri icyo kibazo, maze ndabukora.

### None se ni iki wamenye ku birebana n'ubwihindurize?

Ni byinshi. Kimwe muri ibyo ni ukuntu inyigisho y'ubwihindurize igerageza gusobanura inkomoko y'ubuzima. Ibinyabuzima bigizwe n'ibice bikora neza, urugero nk'umutima, ibihaha n'amaso. Byongeye kandi, iyo urebeye ingirabuzimafatizo muri mikorosikopi, usanga hakoreramo icyo twagereranya n'imashini zihambaye. None se ni nde wahanze ibyo byose? Abashyigikira inyigisho y'ubwihindurize bihandagaza bavuga ko ibinyabuzima bifite imbagaga kurusha ibindi, ari byo byagi-

ye birokoka. Gusa icyo gitekerezo ntigisubiza ikibazo kigira kiti "imikorere y'ibyo binyabuzima yabayeho ite?" Namenye ko hari abahanga benshi mu bya siyansi bazi neza ko ubwihindurize budashobora gusubiza icyo kibazo. Umwarimu wigishaga imiterere y'inyamaswa, yanyibiye ibanga ambwira ko nta nyigisho n'imwe y'ubwihindurize yemera. Ariko ntigeraga abihingutsa, kuko yatinyaga gutakaza akazi.

### Ese kumenya imiterere y'urusobe rw'ibinyabuzima byakomeje ukwizera kwawe?

Cyane rwise. Mu bushakashatsi nakoze, nibanze ku mikoranire y'ibinyabuzima. Nasanze ibinyabuzima byose byo ku isi ari magirirane. Aha natanga urugero rw'indabo n'inzuki. Ubusanzwe indabo z'ibimera zikurura inzuki bitewe n'imiterere yazo, amabara yazo, impumuro yazo n'umushongi ubamo, maze zikazishyiraho insinda. Inzuki zitungwa n'uwo mushongi zigatwara n'insinda zikazijyana ku bindi bimera, zikaba zirabibanguriye. Biragaragara rero ko inzuki n'indabo byuzuzanya, kimwe kikabeshaho ikindi.

Ibiba mu rusobe rw'ibinyabuzima byose biruzuzanya. Muri urwo rusobe usangamo amoko menshi y'inyamaswa, ibimera, za bagiteri n'uruhumbi. Inyamaswa zose zikura ibyokurya n'umwuka wa ogisijeni ku bimera, kandi ibimera byinshi bibeshwaho n'inyama-

swa. Nubwo gusobanukirwa imikorere y'urusobe rw'ibinyabuzima bigoye kandi ibyo binyabuzima bikaba bishobora gupfa mu buryo bworoshye, bishobora gukomeza kubaho mu gihe cy'imyaka ibarirwa mu bihumbi. N'iyi urusobe rw'ibinyabuzima rwangiritse bitewe n'ikirere gihumanye, maze ikibazo cyatumye ikirere gihumana kigakemurwa, ibinyabuzima byongera kororoka. Iyo ntekereje ko ibinyabuzima byo ku isi byose bifite ubushobozi bwo kongera kwisana, bituma nemera ntashidikanya ko Imana ari yo yabihanze.

### Kuki wabaye Umuhamya wa Yehova?

Nababazwaga cyane no kubona abantu bangiza ibidukikije. Nari nzi ko nubwo urusobe rw'ibinyabuzima rufite ubushobozi bwo kongera kwisana, abantu bashobora kururimbura. Mbifashijwemo n'Abahamya ba Yehova, namenye ko Imana 'izarimbura abarimbura isi' nk'uko Ibyanditswe bibivuga (Ibyahishuwe 11:18). Ayo magambo yaramfashije cyane. Uko nage-ndaga niga Bibiliya, ni ko nage-ndaga menya ko ibyo Imana idusezeranya bizasohora nta kabuza.

Nshimishwa no kugeza ku bandi imyizerere yanjye, kandi hari abahanga mu bya siyansi nigishije Bibiliya. Ubu mfite imyaka 55. Nafashe ikiruhuko cy'iza bu-kuru mbere y'igihe, kugira ngo njye mara igihe kirekire mfasha abantu gusobanukirwa ibirebana n'Umuremyi, n'umugambi afiteye iyi si yacu nziza cyane. ■

## Ihohoterwa rikorerwa mu ngo rizacika rite?

**Inkuru ya 1:** Ababyeyi ba Isabel\* baje kumusura. Ni nimugoroba, barimo barasabana n'umukobwa wabo Isabel n'umugabo we, ndetse baraganira bishimye. Kandi reka bishime ni mu gihe, kuko babona ko umukwe wabo abafatiye umukobwa neza.

**Inkuru ya 2:** Frank afite umujinya. Ubusanzwe iyo afite umujinya awutura umugore we, akamukubita inshyi, akamutera imigeri, akamupfura imisatsi, cyangwa agahonda umutwe we ku rukuta.

\* Muri iyi ngingo amazina amwe n'amwe yarahinduwe.

**U**SHOBORA gutangazwa n'uko ibivugwa muri izo nkuru byabaye mu muryango umwe.

Kimwe n'abandi benshi bahohotera abo bashakanye, iyo Frank ari kumwe

n'abandi bantu cyangwa sebukwe na nyirabukwe, ubona ari umuntu mwiza, yaba ari kumwe n'umugore we agahinduka inyamaswa.

Abagabo benshi bameze nka Frank,

Akenshi abantu bahohotera abo bashakanye biyerekana uko batari







baba barakuriye mu miryango y'abanyarugomo, maze bamara kuba bakuru bakumva ko imyifatire nk'iyi nta cyo itwaye. icyakora, ihohoterwa rikorerwa mu ngo si ikintu gisanzwe. Ni yo mpamvu icyo abantu benshi bumvise inkuru y'umugabo wakubise umugore we bumva ko ari amahano.

Nubwo bimeze bityo ariko, ihohoterwa nk'iryo rimaze gufata indi ntera. Urugero, muri leta Zunze Ubumwe za Amerika, ubushakashatsi bwagaragaje ko hari umunsi abantu barenga 16 bahamagaraga buri munota bavuga ko bahohotewe n'abo bashakanye. Iryo hohoterwa rimaze kuba icyorezo hirya no hino ku isi. Abantu b'ingeri zose baribasirwa hatitawe ku muco wabo, urwego rw'imibereho cyangwa ubwo ko bwabo. Kubera ko hari abahohoterwa ntibabivuge, nta gushidikanya ko ibintu byazambye kuruta uko imibare ibigaragaza.\*

Raporo zivuga iby'ihohoterwa ryo mu ngo zituma havuka ibibazo bitandukanye. Bishoboka bite ko umugabo yakora ibikorwa by'ubugome nk'ibyo, cyane cyane abikorera umugore we? Ese hari icyakorwa ngo abagabo bakubita abagore babireke?

Abahamya ba Yehova, ari na bo banditsi b'iyi gazeti, bizera ko inama zo muri Bibiliya zishobora gufasha abagabo n'abagore b'abanyamahane, bagahindura imyifatire yabo. Ese biroroshye? Oya rwose. Ariko se birashoboka? Yego. Kwiga Bibiliya byafashije abantu benshi kureka urugomo, baba abagwaneza kandi bubaha abandi (Abakolosayi 3:8-10). Reka dusuzume inkuru y'ibyabaye kuri Troy na Valerie.

### Mwari mubanye mute?

**Valerie:** Mu ijoro twemeranyije ko

\* Nta wahakana ko hari abagabo benshi bakubitwa n'abagore. Ariko kandi, raporo zigaragaza ko ahanini abagabo ari bo bahohotera abagore babo.

### KUKI BATIGENDERA?

Kuki abagore bamwe na bamwe bahitamo kugumana n'abagabo babo kandi babahohotera? Ahanini biterwa no gutinya ko baramutse bigendeye, ibintu byarushaho kuzamba. Hari abagabo bakangisha abagore babo ko nibaramuka bahukanye bazabagirira nabi cyangwa bakabica. Kandi koko hari abo byagiye bibaho.

Abandi bagore batinya kugenda, batekereza ko incuti zabo na bene wabo bashobora kubarwanya, ntibumve ko imimerere barimo iteye akaga. Urugero, Isabel wavuzwe mu ntangiriro y'iyi ngingo yahisemo guta umugabo we. Yaravuze ati "mukuru wanjye yarandakariye, maze anteguka gusubirayo. Yatekerezaga ko umugabo wanjye ari mwiza ku buryo atagira ubugome nk'ubwo. Abaturanyi bose baranyamaganye, biba ngombwa ko jye n'abana banjye dusubirayo."

Icyakora, hari izindi mpamvu zituma abagore bamwe na bamwe bahitamo kugumana n'abagabo babo:

- Baba bifuza ko abana babo barerwa n'ababyeyi babo bombi.
- Baba bumva ko batazashobora kwitunga ngo batunge n'abana babo.
- Baba bumva ko ari bo bafite amakosa.
- Batinya kuvuga ko bahohoterwa.
- Baba bumva ko ibintu bizahinduka.

Abahamya ba Yehova bakurikiza ihame ryo muri Bibiliya rivuga ko impamvu imwe rukumbi ituma umuntu atana n'uwo bashakanye ari ubusambanyi (Matayo 5:32). icyakora, hari impamvu zishobora gutuma bamwe bahukana, muri zo hakaba hariho urugomo rukabije bagirirwa n'abo bashakanye.

tuzabana, Troy yankubise urushyi ku buryo namaze icyumweru cyose narabyimbiwe. Yansabye imbabazi abikuye ku mutima ambwira ko atazongera. Ibyo byarakomeje no mu myaka yakurikiyeho.

**Troy:** Narakazwaga n’ubusa, urugero nk’iyo umugore wanjye yatindaga guhisha.

Hari igihe nakubise Valerie pisitori. Ikindi gihe naramukubise mugira inoge, ngira ngo yapfuye. Hanyuma nagerageje kumutera ubwoba, mfatira icyuma ku ijosi ry’umwana wacu, mukangisha ko ngiye kumwica.

**Valerie:** Nari narahahamutse. Hari igihe nahukanaga nkazagaruka Troy yaramaze gucururuka. Nubwo yari yarandembeje, ibitutsi bye byarambabazaga kuruta kunkubita.

### None se Troy, ubundi wahoze uri umunyamahane?

**Troy:** Yego. Natangije kugira amahane nkiri muto kuko nakuriye mu muryango wahoragamo urugomo. Data yahoraga akubitera mama imbere yanjye n’abo tuvukana. Amaze kwigendera, mama yashakanye n’undi mugabo, maze na we akajya amukubita. Uwo mugabo yageze ubwo jye na mushiki wanjye adufata ku ngufu maze arafungwa. Birumvikana ko ibyo ntagombye kubigira urwitwazo rwo kugira urugomo.

### None se Valerie, kuki wemeye kugumana n’umugabo wawe?

**Valerie:** Nari mfite ubwoba. Naribazaga nti “ubu se ndamutse ngiye, ntiyazampiga akanyica cyangwa akica ababyeyi banjye? Ubwo se mureze maze ibintu bikarushaho kuzamba byagenda bite?”

### Watangiye guhinduka ryari?

**Troy:** Abahamya ba Yehova batangije kwigisha umugore wanjye Bibiliya. Nabanje kumugirira ishyari bitewe n’incuti yari amaze kunguka, nkumva ko nagombaga kumuvana muri iryo dini nabonaga ko ari inzaduka. Ibyo byatumye ndushaho kugirira Valerie n’abandi Bahamya urugomo. Ariko umunsi umwe, umuhungu wacu w’imyaka 4 witwa Daniel wajyaga arwara igicuri, yamaze mu bitaro ibyumweru bigera hafi kuri bitatu. Muri icyo gihe cyose, Abahamya baradufashije cyane, ku buryo bashyizeho gahunda yo kwita ku mukobwa wacu witwa Desiree w’imyaka 6. Hari Umuhamya

## AMAHAME YA BIBILIYA YAFASHA ABAGABO

Jya wubaha umugore wawe kandi umuhe agaciro.—1 Petero 3:7.

Kunda umugore wawe nk’uko wikunda.  
—Abefeso 5:28, 29.

Komeza kumukunda.—Abefeso 5:25.

Irinde kumutuka.—Abefeso 4:29, 31.

Itoze kwifata.—Imigani 29:11.

Jya uzirikana ko icyubahiro uzagiheshwa no kumenya kwifata cyangwa kwigenzura, aho kugenzura abandi.—Imigani 16:32.

Jya utekereza ku ngaruka z’amagambo yawe.—Abagalatiya 6:7.

Niba wumva kwifata bikunaniye, jya wigendera.—Imigani 17:14.

Itoze kwanga urugomo.—Zaburi 11:5.

Bona ko umugore wawe ari umuntu ushoboye; aho kumva ko nta gaciro afite.  
—Intangiriro 1:31; 2:18.



wari waraye ijoro ryose ku kazi, ariko yiriwe arwaje Daniel, kugira ngo Valerie aryame ho gato. Nubwo nasuzuguraga Abahamya, ineza yabo yankoze ku mutima cyane. Naje kubona ko Abahamya ari bo Bakristo b'u-kuri, hanyuma mbasaba kunyigisha Bibiliya. Mu gihe nigaga Bibiliya, namenye uko umugabo yagombye gufata umugore we. Nahise ndeka urugomo no gutukana, amaherezo mba Umuhamya wa Yehova.

### Ni ayahe mahame yo muri Bibiliya yagufashije?

**Troy:** Ni menshi. Muri 1 Petero 3:7, Bibiliya ivuga ko nagombye 'kubaha' umugore wanjye. Mu Bagalatiya 5:23, Bibiliya idutera inkunga yo "kwitonda" no "kumenya kwifata." Mu Befeso 4:31, hamagana ibyo "gutukana." Mu Baheburayo 4:13, havuga ko "ibintu byose bitwikuruwe imbere" y'Imana. Ubwo rero Imana ibona imyifatire yanjye, nubwo abaturanyi banjye batayibona. Nanone namenye ko nagombaga guhindura incuti, kuko "kwifatanya n'ababi byonona imyifatire myiza" (1 Abakorinto 15:33). Abahoze ari incuti zanjye banshishikarizaga kugira urugomo. Bumvaga ko gukubita umugore bituma atagusuzugura.

### None se ubu mubanye mute?

**Valerie:** Troy amaze imyaka 25 ari Umuhamya wa Yehova. Kuva icyo gihe arankunda, akamfata neza kandi akanyubaha.

**Troy:** Nta cyo nakora ngo mpindure uko nababajye umugore wanjye, kandi rwose nti byari bikwiriye ko mukorera ibyo namukoreye. Ariko ntegerezanyije amatsiko igihe ibivugwa muri Yesaya 65:17 bizasohorera, maze ibyaturanze bikibagirana.

### Ni iyihe nama mwagira abari mu miryango ikirangwa n'ihohoterwa?

**Troy:** Niba utuka uwo mwashakanye cyangwa ukamukubita, jya wemera ko ukeneye inama, kandi uzisabe. Hari inama nyinshi zabigufashamo. Kwiga Bibiliya mbifashijwemo n'Abahamya ba Yehova no



Kwiga Bibiliya byafashije abagabo benshi guhinduka

kwifatanya na bo, byamfashije kureka urugomo.

**Valerie:** Jya wirinda kugereranya umuryango wawe n'uw'abandi, cyangwa ngo ukurikize inama abantu bakugira *biwira* ko ari zo zigukwiriye. Nubwo abantu bose bitazabagendekera nk'uko byagenze mu muryango wacu, nshimishwa n'uko nagumanye n'umugabo wanjye, kuko ubu tubanye neza!

### HEHE N'IHOHOTERWA RIKORERWA MU NGO!

Bibiliya igira iti "Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana, kandi bifite akamaro ko kwigisha no gucyaha no gushyira ibintu mu buryo" (2 Timoteyo 3:16). Kimwe na Troy wavuzwe muri iyi nkuru, hari abantu benshi bahohoteraga abo bashakanye, maze inama zo muri Bibiliya zituma bahindura imyumvire n'imyifatire.

Ese wifuza kumenya inama Bibiliya itanga zagirira akamaro umuryango wawe? Baza Abahamya ba Yehova bo hafi y'iwanyu, cyangwa ujye kuri [www.jw.org/rw](http://www.jw.org/rw). ■





## Twasuye Indoneziya



INDONEZIYA

JAKARTA

GIHUGU cya Indoneziya kigizwe n'ibirwa bigera ku 17.000. Abaturage baho barangwa n'urugwiro, kwihangana, kugira ikinyabupfura no kwakira abashyitsi.

Bakunda kurya umuceri uri kumwe n'uburisho burimo ibirungo biryoshye, bakarenzaho imbuto. Mu turere tumwe na tumwe, abagize umuryango basangira bicaye ku musambi, bagafata uburisho bakabuvanga n'umuceri maze bakarisha intoki. Abaturage bo muri Indoneziya benshi bavugaga ko ibyokurya basangiye batyo bibaryohera cyane.

Abaturage bo muri Indoneziya bakunda ubugeni, kubyina n'umuzika. Bafite igikoresho gakondo cy'umuzika gikoze mu migano baterateranya. Bagikora mu buryo bwihariye, maze umuntu yagicugusa kigatanga ijwi ry'umuzika ryihariye. Kugira ngo abacuranzi bacurange icyo gikoresho, bisa ba ko bafatanyaga, buri wese acugusa igikoresho cye mu gihe gikwiriye.

Mbere y'ikinyejana cya 15, muri Indoneziya hari higanje idini ry'Abahindu n'iry'Ababuda. Ariko mu kinyejana cya 16, Abisilamu batangiyemo kugira uruhare rukomeye mu muco w'abaturage bo muri Indoneziya. Abanyaburayi bahageze mu kinyejana cya 16 bashakisha ibirungo bihaboneka, maze bituma binjiza amadini yiyita aya gikristo muri icyo gihugu.



Igazeti ya *Nimukanguke!* isohoka mu ndimi 98, harimo n'ikinyandoneziya (Nanone bita ikibahasa cyo muri Indoneziya)



Abantu baho bakunda urubuto rusa n'inasasi, rufite umushongi uryohereye, nubwo rufite impumuro mbi

Umwana uvuza umwirongi wo muri Indoneziya bita *suling* ukoze mu migano



Inyamaswa yo mu bwoko bw'impundu ikunze kuba mu mashyamba y'inzitane ya Sumatra na Borneo, ni yo nyamaswa nini ku isi yibera mu biti. Ingabo ikuze iba ipima ibiro hafi 91, kandi iyo amaboko yayo arambuye aba afite hafi metero ebyiri n'igice.



Orangutans: © Kjersti Jørgensen / YAY Micro/age fotostock

Abahamya ba Yehova, bazwi ku isi hose bitewe no kwigisha Bibiliya, batangiyeye gukorera muri Indoneziya kuva mu wa 1931. Ubu muri icyo gihugu hari Abahamya ba Yehova barenga 22.000. Bashyiraho imihati kugira ngo babwirizwe abafite ubumuga bwo kutumva. Vuba aha, abagera kuri 500 bitabiriye amateraniryo yihariye y'Abahamya ba Yehova yo mu rurimi rw'amarenga, bagiyeye kwizihiza Urwibutso rw'urupfu rwa Yesu Kristo.

## TYAZA UBWENGE

**Mu bintu bikurikira, ibiba muri Indoneziya ni ibihe?**

- (a) amoko 20.000 y'ibimera
- (b) ubwoko bw'inyamabere nini ku isi
- (c) ururabo runini ku isi
- (d) ururabo rurerure ku isi

**Igisubizo:** Byose uko ari bine. Ururabo runini ku isi, rufite umurambaro wa santimetero 91, naho ururure ku isi rukarashya na metero 3.

## AMAKURU Y'IBANZE

**Abaturage:** 237.600.000

**Umurwa mukuru:** Jakarta

**Ikirere:** Harashyuha

**Ibyo bohereza mu mahanga:**

Amamesa, peteroli, kawucu na nyiramugengeri

**Indimi:** Ikibahasa, ikinyandoneziya n'izindi ndimi zibarirwa mu magana zivugwa na ba kavukire mu turere dutandukanye

**Amadini:** Higanje Abisilamu (88 ku ijana)



# UBUZIMA

## Ese Imana ishishikazwa n’uko twita ku buzima bwacu?

*“Ntukabe mu bantu banywa divayi nyinshi, no hagati y’abanyandanini bakunda kurya inyama.”*  
—Imigani 23:20.

**IMPAMVU ARI IBY’INGENZI.** Bibiliya si igitabo cy’ubuvuzi, kandi ntanga amabwiriza kuri buri kantu kose kajyanye n’imyifatire y’abantu. Ariko kandi, kumenya uko Imana ibona ibirebana n’ubuzima nk’uko Bibiliya ibigaragaza, bishobora kutugirira akamaro.

**ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO.** Hari imirongo itandukanye yo muri Bibiliya igaragaza ko Imana ishishikazwa n’ibyo dukora twita ku buzima bwacu. Bibiliya yamagana ibikorwa byo gushayisha, urugero nk’ubusinzi n’inda nini (Imigani 23:20). Mu Mategeko Imana yahaye Isirayeli ya kera, harimo n’amabwiriza yo kwirinda indwara cyangwa gutuma zidakwirakwira. Nanone ayo mategeko yari akubiyemo amabwiriza asobanutse yari agamije kubarinda impanuka (Gutegeka kwa Kabiri 22:8). Biragaragara rero ko Bibiliya idutera inkunga yo kwita ku buzima bwacu no gufata ingamba zifatika kugira ngo tuburinde.





**ICYO ABANTU BABIVUGAHO.** Abantu benshi bumva ko kurwara ari ibintu bitugwirira. Abandi batekereza ko imbaraga ndengakamere, urugero nk’imyuka mibi, ari zo zituma abantu barwara.

**ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO.** Bibiliya ivuga ko kuba turwara biterwa n’umuntu wa mbere wigometse ku Mana (Abaroma 5:12). Mbere y’uko ababyeyi bacu ba mbere ari bo Adamu na Eva bigomeka, bari bafite ubuzima buzira umuze. Bari bazi ko nibaramuka banze gukomeza kwitabwaho n’Imana irangwa n’urukundo, bagombaga gupfa (Intangiriro 2:16, 17). Ariko bihinduye abanzi bayo, maze batakaza ubutungane.\*

Ababyeyi bacu ba mbere bamaze kwigomeka, baturaze kudatungana. Ku bw’ibyo, nubwo abantu bakora ibishoboka byose ngo bakureho indwara, turacyarwara.

**ICYO WAKORA.** Bibiliya igaragaza ko niwiyunga n’Imana ukumvira amahame yayo arangwa n’ubwenge, uzagira ubuzima butunganye muri paradizo ku isi (Yesaya 33:24). Imana yatanze isezerano ry’uko izavanaho burundu imibabaro, indwara n’urupfu.—Ibyahishuwe 21:3, 4.

\* Muri iyi ngingo, ijambo “ubutungane” ryerekeza ku buzima buzira umuze Imana yaremanye abantu ba mbere; ntibashoboraga kurwara cyangwa gupfa.

*‘Icyaha cyinjije mu isi binyuze ku muntu umwe, n’urupfu rwinjira mu isi binyuze ku cyaha.’*

—Abaroma 5:12.

## Ese Bibiliya ibuza abantu kwivuzwa?

**ICYO ABANTU BABIVUGAHO.** Hari abumva ko mu gihe umuntu arwaye, batagomba kumujyana kwa muganga, ahubwo ko bagomba kumusengera kugira ngo akire.

**ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO.** Mu bihe bya Bibiliya, Imana yemeraga ko mu bwoko bwayo habamo abaganga (Intangiriro 38:28; Abakolosayi 4:14). Muri Bibiliya, nta hantu na hamwe hagaragaza ko Imana yangaga ko bakoresha imiti y’ibyatsi, amavuta, ibiribwa cyangwa ubundi buryo bwo kuvura. N’ikimenyimenyi, Yesu yaravuze ati “abantu bazima si bo bakeneye umuganga, ahubwo abarwayi ni bo bamukeneye.” —Matayo 9:12.

Ariko kandi, Bibiliya ntishyigikira uburyo bwose bwo kwivuzwa. Urugero, ntishyigikira uburyo bwo gusengera abantu ngo bakire. Nanone Imana ntiyemera uburyo bwo kuvurwa bufitanye isano n’ubupfumu (Abagalatiya 5:19-21). Uretse uburyo bwo kwivuzwa Bibiliya iciraho iteka, mu gihe umuntu arwaye yagombye kujya kwa muganga, akavurwa mu buryo bukwiriye. ■

*“Abantu bazima si bo bakeneye umuganga, ahubwo abarwayi ni bo bamukeneye.” —Matayo 9:12.*



## Uko wagera ku rubuga rwacu mu buryo bwihuse

Guhera kuri iyi nomero, igazeti ya *Nimukanguke!* izaba ibonekaho kode zagufasha kugera ku rubuga rwacu mu buryo bwihuse. Izo kode ni bwoko ki? Ni kode zihariye ufotora maze zikakohereza ku rubuga rwacu. icyo usabwa ni telefoni yabigenewe ifite kamera na interineta cyangwa indi telefoni igezweho.



**1** Vana kuri interineta porogaramu ishobora gusoma izo kode.

**2** Fungura icyo porogaramu.



**3** Tunga kamera ya telefoni yawe kuri izo kode.



Urahita ugera ku rubuga rwacu.